



GANA AHEZA

CCOAB's NEWSLETTER, May, 12, 2012

ABISHYIZE HAMWE BAKWIYE GUSHYIGIKIRWA

Kuwa gatanu taliki ya 18 Mata 2012, mu murenge wa Musha mu karere ka Rwamagana, umuryango ARDR watanze ibikoresho ku makoperative agizwe ahanini n'urubiruko. Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye bw'umuryango mpuzamahanga PLAN ufatanyije na CCOAIB mu mushinga uhuriweho n'imiryango ine igize iri huriro ariyo ARDR, Fiom Rwanda, RDO na RWARRI. Iyi miryango yiyemeje gufasha urubiruko kwiteza imbere no kwihaza mu bukungu binyuze mu makoperative.

Ibikoresho byatanze bigizwe ahanini n'imashini zidoda, ameza, amarangi, amapasi, ibyifashishwa mu kuboha uduseke no gufuma n'ibindi byose hamwe bifite agaciro ka miliyoni zisaga umunani z'amafaranga y'u Rwanda. Uretse ibi bikoresho, ARDR yanahaye uru rubiruko amahugurwa yarushoboye kwibumbira hamwe, benshi muri bo bakaba barize gusoma, kwandika no kubara, ari nabyo byababereye intango kugira ngo bashobore kugera ku rwego twabasanzeho.



Aba ni bamwe mu bagize itsinda ry'abadozi ryahawe ibikoresho

Nyuma y'itangwa ry'ibi bikoresho, abari bahujwe n'icyo gikorwa bunguranye ibitekerezo ikigamijwe ari ukumvisha urubiruko rwatwe iyo nkunga akamaro kayo no kubasaba kuzayikoresha neza kugira ngo izabafashe kuva mu bukene no mu bwigunge. Mu ijamba ry'uwaru waje ahagarariye umurenge wa Musha madame Niyotwagira Caritas, yagaragaje ububi bw'ubujiji ndetse anahamya ko ntacyo umuntu yakwigezaho adahereye ku rugamba rwo kubuhashya. Yatanze urugero rw'umuntu uherutse kujya gukingiza inka ye ariko kubera kutamenya gusoma, aza kujyana ifishi ya batisimu y'umugore we maze basomye babona izina ni Mukandoli ko ngo yavutse mu 1961. Birumvikana ko basetse nubwo bibabaje rwose. Yaravuze ati ibyo muhawe ni uburyo bwo gutangira akaba asanga ko nibabikoresha neza bizabateza imbere. Ikindi yabakunguriye ni imikorere ihesha

agaciro nyirayo, aha yabasabye kwirinda imico igayitse ivugwa kuri bamwe mu banyamyuga n'abafundi bananirwa kurangiza ibyo basabwwe ahubwo bagahora basaba umukiriya kuzagaruka ejo. Yagaye abubatsi barya imbaho, isima, yewe ngo hakaba hari n'abanywa irangi. Yabakunguriye kwirinda ibyo bibi byose ahubwo abasaba kuba intangarugero mu mikorere inoze ndetse anabifuriza guhora barema udushya.

Bwana Ananias Higiye wavuze mu izina rya CCOAIB abereye umukozi, akaba ari na we uhuza ibikorwa by'uyu mushinga akaba anakurikira ishyirwa mu bikorwa byawo umunsi ku wundi yasabye abahawe ibikoresho kubifata neza no kubibyaza umusaruro. Yabifurije guhora batekereza ku cyatuma ibikorwa byabo byaguka, anabakungurira umuco wo kuzigama. Yarababwiye ati: "ibi muhawe ni umusingi, muzagende mubibyaze ibindi, imashini ibyare indi" Yarongeye agira ati: "byaba bibambuye agaciro mu minsi iri imbere mugarutse muri ARDR muti bya bikoresho mwaduhaye byarashaje cyangwa se byarangiritse, nimudushakire ibindi."

Mw'izina ryabahawe ibikoresho, umwe muri bo yashimiye ARDR ibikorwa bitandukanye yabagejejeho anashimira PLAN na CCOAIB ku bw'ibyo bikoresho bahawe. Yaravuze ati: " kuri twe, gukora ku ifaranga byari nk'inzozi, ariko bitewe n'ibi tugejeweho, dufite icyizere gihamye ko imibereho yacu igiye guhinduka"

Bwana Ezechiel Rukema wari uhagarariye umuryango PLAN muri uyu muhango, yavuze ko bamaze imyaka itanu bakorera mu Rwanda bakaba bibanda ku bikorwa biteza imbere urubiruko hagamijwe kurushakira imibereho ikwiye. Yifashishije igitekerezo, (Story) yabagarariye ubuzima bw'umuntu ari we uba ubufite mu maboko ye akaba ari na we uba ukwiye kubuha icyerekezo.



Abahawe ibikoresho bakurira inama ku mikoreshereze yabyo

Ngo hari umusaza w'intyoza wakundaga kuganira akarangwa no kuja impaka n'abato ariko kenshi ngo akabatsinda. Rimwe rero haboneka umusore nawe wifuje gutsinda uwo musaza maze ategura ikibazo yumva koko ko atazashobora kucyigobotora.

Ngo yagiye kwa musaza afite ikinyugunyugu kizima mu gipfunsi maze amubazaniba arikizima cyangwa cyapfuye. Wamusaza yatekereje gato maze asubiza wa mwana ati: "Icyo kinyugunyugu kiri mu maboko yawe, ukaba ushobora kukinyereka uko ushaka. Nkubwiye ko ari kizima wagikanda ukakinyereka gipfuye, naho mvuze ko gipfuye wakirekura kikaguruka, nabwo ukaba urantsinze! Isomo riri muri iyi nkuru nuko n'ubuzima bw'umuntu buba buri mu maboko ya nyirabwo. Ashatse yabuha icyerekezo cyiza, yashaka akabutwara uko abonye.

Nk'uko twabisobanuriye n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umuryango ARDR (Association Rwandaise pour le développement rural) bwana John Munyurangabo mu kiganiro twagiranye, ngo gufasha abatwariye gukorera hamwe ni ingenzi kuko bibatera kumenyana no kwisungana bikaba binatuma babana neza kurushaho. Ngo bigira n'akamaro mu gutuma bamenyana kurusha, bakisungana ndetse bikaba bibafasha kuzamukira hamwe ku nyungu za bose.

Ngo uretse guterwa ibyishimo n'uru rubyiruko ngo babona rugenda rufata umurongo mwiza mu nzira yo kwivana mu bukene, ngo banaterwa ishema no kuba barafashije abahinzi b'ibigori bo mu karere ka Rwamagana mu mirimo yabo y'ubuhinzi kuko babahaye agoronomu wabunganiye abaha inama mu bikorwa byabo by'ubuhinzi, ubu bakaba bageze ku ntera ishimishije.


Nk'uko twabitangarijwe na madamu Zulfati Murekatete uyobora koperative KOHUNYA (Koperative humura Nyagasenyi) iyi koperative yatangiye muri 2009 ikaba yarabonye ubuzima gatozi muri Kamena 2011. Ifite abanyamuryango 64 bagizwe n'abagore 42 n'abagabo 22, bafatanyije ubuhinzi bw'ibigori basimburanya n'ubwibinyabisogwe, cyane cyane ibishyamba. Umusaruro baherutse wari toni mirongo ine, mu kuzigama kwabo bakaba bamaze bageze kubihumbi 361.000 by'amafaranga y'uRwanda.

Nubwo bishimira intambwe bamaze kugeraho, abagize iyi koperative ngo bahangayikishijwe nuko ubutaka bahinga ari ubutirano bakaba batazi neza igihe bazabumarana. Kugira ubwabo bwite ni imwe mu nzizi bafite bakaba banakeneye amahugurwa ahagijwe kugirangobagire ubumenyiringiro bujyanye n'igihe.

CCOAIB irizera ko imiryango 38 igize iri huriro, abafatanyabikorwa ndetse n'ubuyobozi ku nzego zitandukanye bazumva ibi byifuzo hakaba hazaboneka abazafasha iyi koperative kubonera umuti ibi bibazo byumvikana ko biyiraje ishinge. Turanakangurira bese gukomeza gufasha abakomeza kugenda bishyirahamwe kuko tudashidikanaya ko ari bumwe mu buryo bwihutisha iterambere banyiraryo babigizemo uruhare rugaragara.

MUDASOBWA DUTUNZE TUZIKOresha KU KIHE KIGERANYO?

Ugereranyije n'ibindi bihugu birakomeza kugaragara ko Ikoranabuhanga rigenda risakara henshi mu Rwanda, ibi bikaba bivugwa kubera umubare munini wa za mudasobwa (Computers/ordinateurs) ziboneka hirya no hino mu gihugu. Ubushakashatsi bworoheje mperutse gukora, bwanyeretse ko mu bigomba gukoreshwa izi mudasobwa, ibyo benshi muri twe babikoresha ni bike cyane, bike rwose. Niyo mpamvu nifuje kubabaza iki kibazo, ngira ngo mbasabe tubitekerezeho, buri muntu ufite mudasobwa yibaze ibyo ayikoresha, ariko anamenye ko hari byinshi ikwiye kumufashamo. Birakwiye ko tubifatira umwanya kuko bidakwiye ko igikoresho gifite ubushobozi bwo kwifashishwa mu bintu byinshi cyakoreshwa ibintu bike cyane.



Ngo nta rungu bakigira kuko bahorana n'inshuti zabo kuri Skype

Akarusho ni uko iyo imashini yawe (Laptop cyangwa PC) ifite camera, noneho uba ushobora kuganiriza inshuti, umuvandimwe cyangwa umukunzi, ubabona imbonankubone. Ikindi rero ni uko iyo abantu babiteguye neza bakumvikana ku gihe, bashobora gukorana inama cyangwa se ikiganiro bese bibereye iwabo, nta wigeze aha aho atuye yewe nta n'ifaranga na rimwe ryishyurwa, uretse nyine asanzwe yishyurwa kuri Interineti.

Ese aho iwanyu mu miryango ikoranabuhanga murigeze he? Aho mudasobwa ufite ntuyikoresha muri WORD gusa, ukaba wenda unareba Filimi ukuyumvira n'indirimo? Waba ugira connexion akaba nta kindi ukora uretse kwakira no kohereza ubutumwa gusa? Ese n'iyi WORD yo uyizi ku ruhe rugero? Mbona kenshi iyo byageze mu gutegura Powerpoint bamwe bakwirwa imishwari abandi bakajya gushaka "abazibadodera". Tumenye rwose ko ibyo dukoresha mudasobwa dufite ari bike cyane umuntu agereranyije n'ibyo zishobora gukora. Nidutinyuke, tubaze ibyo tudasobanukiwe, dukore byinshi kandi twihuse. tujane n'umuvuduko w'ibihe tugezemo.

KUMENYESHA

CCOAIB yishimiye kumenyesha imiryango iyigize n'abandi bafatanyabikorwa ko documentary Film yari imaze iminsi itegurwa ku ruhare rw'umuturage mu bimukorerwa ubu yarangiye, ikaba iboneka ku cyicaro cy'iri huriro i Remera. Ahandi mwayisanga ni ku rubuga rwa interineti rwacu: www.ccoaib.rw

Benoit Ndirikiye M
Information Officer
CCOAIB